

INTABAZA


GACANZIGO

Ikinyamakuru cy'abaharanira impinduka mu Rwanda No 3 Kanama 2014

Igereranya ry'ivangurwa rikorerwa Abanyarwanda
b'Abahutu na Apartheid yakorewe Abirabura muri Afurika
yepfo (inkuru irambuye urup.5).



Speciose Mujawayezu
Umunyamabanga Mukuru
w'ISANGANO
ry'Abenegihugu



Abanyarwanda bakeneye KUGOBOTORWA BYIHUSE ingoma mbi ya FPR-inkotanyi igiye kubamarira kw'icumu : Abahutu (n'Abatutsi bake) baravangurwa baricwa, barashimutwa, bararenganywa, abana barimwa buruse, abarimu barahembwa ikinya, abahinzi baramburwa amasambu, n'ibindi mu gihe abandi banyarwanda bacye cyane bo mu bwoko bumwe bw'Abatutsi cyane cyane abaturutse Uganda bishimisha mu migi basesagura umutungo w'ighugu cyacu. IBI BIKWIYE GUHAGARARA.

IBINDI BIRI MURI IKI KINYAMAKURU: Ijambo ry'ibanze urup.2, ikibazo cy'imvange mu moko y'u Rwanda urup.3-4, inama US-Africa urup.6, liste y'abihayimana Gatorika bakindaguwe na FPR urup.7-8, Charte de liberté y'lshyaka ISANGANO urup. 9

IJAMBO RY'IBANZE: amaraso y'Umuhutu, ay'Umututsi, ay'Umukongomani cyangwa undi wese ni amaraso kimwe. Ibyo Kagame akwiye kubimenya niba atabizi

Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Imyaka ibaye 24 Guhera mu mwaka w'I 1990 FPR-Inkotanyi ishoje intambara yatumye mu Rwanda no mu Karere kose hacura icuraburindi, agahiri n'agahinda bidashira. Imyaka ibaye 20 kandi Abanyarwanda benshi ndetse n'abanyamahanga bategereje umucunguzi uzabakiza ingoma-mpotozi none amaso yaheze mu kirere. Muri iki gihe cyose FPR ya Paul Kagame bamaze ku ngoma ntibigeze bahuga na gato ngo bumve ko batsinze urugamba maze bahe ituze n'amahoro, abantu biyunge. Ahubwo abambari FPR bakomeje umugambi wabo wo gukomeza kurimbura Abahutu n'abasa nabo cyangwa ababafitiye impuhwe bose.

Muzi mwese ko Abahutu bamaze kwica mu Rwanda no muri Kongo barenga 2 000 000, Abakongomani barenga 6 000 000, Abatutsi bishwe cg bicishijwe na FPR nabo bakabakaba mu 350 000, Abarundi Abagande n'abandi banyamahanga nabo ntibagira ingano. Izo ngogo zose zagaritswe kubwa FPR irumva ko zidahagije.

Kuvuga ubutabera cg kwibuka abahutu bishwe byo ni ukwigiza nkana mu Rwanda rwa Kagame na FPR. Burya koko ngo impyisi ikurira umwana cyangwa inyana ikakurusha uburakari. Nguko uko FPR yashyiriyeho Abahutu Inkiko Gacaca zo kubahumbahumba ku misozi no kubabeshyera ibyaha batakoze. Gacaca yahamije byaha bitandukanye Abahutu bagera neza neza kuri 2 000 000. Ni akumiro rwose!

FPR ntiyashizwe kuko mu nzego zose z'ighugu FPR yashyizemo gahunda zitarika zigamije kugira ibikange Abahutu, kubica mu bwonko no ku mubiri uruhongohongo amahanga atarabutswe. Ntawarondora za gahunda z'agahomamunwa zashyizweho na FPR nko kwirega no kwemera icyaha, ingando, ubudehe, Intore, ingengabitekerezo ya jenoside, Ndi Umunyarwanda n'izindi gahunda mbi cyane Leta ya Kagame/FPR bazanye mu gutesha umutwe Abanyarwanda bo mu bwoko bw'Abahutu.

FPR ntiyarekeye aho ariko inyuzamo ikanafata itsinda ry'sbshutu rinini cyangwa rito ikabica. Nyuma yo kubivugana FPR ihimbahimba ibinyoma n'ikinamico nkuko isanzwe ibigenza ikavuga ko abantu bazimiye cg bagiye muri FDLR ariko nk'uko mubyumva niyo iba imaze kubirenza.

Abarenga 30 000 baherutse kwicwa FPR ibeshya ko baburiwe irengero



Muri numero ya kabiri y'Intabaza Gacanzigo (Nyakanga 2014) twabagejejeho inkuru y'inkongi nyinshi z'umuriro mu Rwanda

twari twababwiye abo twabashije kumenya ko bapfuye rugikubita. Nyuma yaho twaronse amakuru atumenyesha ko imfungwa zapfuye ari nyinshi zibarirwa mu bihumbi. Imirambo yatunzwe n'amakamyo bahambwa mu byobo rusange. Nyuma FPR yakubise ikinyoma ko bagiye gushyingura imibiri y'Abatutsi bishwe muri jenoside. Ibi tubabwira birahamywa n'inkuru ivugwa ko abagororwa bakora ubucakara bwa FPR bwise T.I.G. n'abandi bagororwa barenga 30 000 baburiwe irengero. Nta kabuza abo bantu birengejwe na FPR-Inkotanyi nyuma yo kubatwikira mu magereza yabafungiyemo.



Jean-Marie V. MINANI

**Umuyobozi Mukuru
w'ISANGANO ry'Abenegihugu**

**'Abanyarwanda mushire
ubwoba dutabare mu maguru
mashya amazi atararenga
inkombe'**

Mu nzego nk'uburezi: Abana benshi b'abahutu bimwa ubufasha mu gihe ku rundi ruhandi abana ba FARG bo bahabwa akayabo k'amafaranga menshi yo kwinezeza. Mu buvuzi hari gahunda nyinshi mbi nyinshi nko gukona abagabo kubasiramura ku ngufu nibindi ubona ko zashyiriweho kwica uruhongohongo abo FPR idashaka. Muherutse kumva inkuru y'umugabo mu Ruhengeri wasiramuwe nabi ku bushake bw'abaganga bagaharura igitsina cye cyose. Uwo mwenegihugu yatakambyie Ministre wa FPR aho kumva ikibazo cye amwuka inabi. Mu buhinzi n'ubucuruzi nahoh ntawarondora bya gahunda bibi FPR yashyizeho bigamije kukenesha rubanda rugufi babambura amasambu yabo, bababuza gucuruza, bacibwa imisoro y'ikirenga bagahomba n'ibindi bibi byinshi.

Umwanzuro

1) Nta maraso aruta andi Kagame na Leta ye nibamenye ko amaraso y'abanyarwanda n'abanyamahanga bari kumena azabasama. Nibamenye kandi ko Umuhutu ava amaraso nk'uko n'umututsi cyangwa undi uwariwe wese ayava.

2) Leta ya FPR ko ibeshya ko umutekano ari 100% kuki idasobanura aho abantu ibihumbi mirongo itatu yabashyize. Abantu 30 000 ni benshi cyane ku buryo kuburirwa irengero mu gisambu bidashoboka.

3) Leta ya FPR nirekeraho gukinisha no gukina ku mubyimba abanyarwanda. Ikinyoma cyayo cyaratahuwe kera. Niba FPR iterekanye aho abo bantu bari nta gushidikanya iraba ariyo yabishe kandi si ubwa mbere yaba ikindaguye abanyarwanda.

4) Ubutumwa ku Banyarwanda batandukanye

Ba nyapolitiki, banyabwenge, basirkare, banyarwanda mwese muri rusange ibi birabareba Igihe cye gushyira hamwe ingufu twese hamwe tukigobotora ingoma mbi ya FPR-Inkotanyi ni iki ndetse kiri kurenga.

Gira icyo ukora!

Mwese mugire urukundo n'amahoro.

Jean-Marie V. MINANI

IKIBAZO CY'IMVANGE MU MOKO Y'U RWANDA.

Inkuru ya HAVUGAYO MVUGAKARIHO.



Gushyingirana hagati y'ubwoko butatu bugize u Rwanda ari bwo Abatwa, Abahutu n'Abatutsi si ibya none. Nyamara iyo urebye imibanire y'ubwo bwoko mu mateka y'igihugu cyacu usanga uko gushakana hagati y'amoko byaratagiye biganisha ku bintu umuntu yakwibazaho. Ese mu by'ukuri mu Rwanda mu gihe cyahise abantu babanaga ari uko bashakanye cyangwa se hari izindi nyungu zabaga ziri inyuma y'uko gushyingirana ? Mu minsi ya vuba aha se bwo byifashe bite ? Ese ibyo gushyingirana hagati y'amoko anyuranye byaba byaratangiye ryari mu Rwanda ? Abantu babana badahuje ubwoko barebana bate ? Bumvikana bate ? Abana babakomotseho baba aba nde muri ubwo bwoko ? Esc ababana badahuje ubwoko hari icyo bibatwaye ? Abababona se bo babivugaho iki ? Babitekerezaho iki ? Ibyo ni bimwe mu bibazo ngirango mbabwire icyo mbitekerezaho muri iyi nyandiko.

Mbere yo kugira icyo mbivugaho ariko, nagira ngo mbanze nsobanure uburyo numva amagambo ndi bukoresha kugira ngo twese tubyumve kimwe. Iyo mvuze « **kubana** » mba nshaka gusobanura ko abantu babiri « baba hamwe », mbega « bubatse urugo », iyo mvuze « **gushyingira** » mba nshatse kuvuga ko umuryango runaka wahaye umugen'i undi muryango runaka n'uwo wundi ugatanga umuhungu abo bana bakarwubaka, naho iyo mvuze « **gushakana** » mba ngamije gusobanura igikorwa cyo kwihiitaramo uwo muzabana mukabyemeranwaho mukabana biturutse ku bushake bwanyu mwembi. Ibi mbitewe n'uko mu kanya muri bwibonere ko hari abashobora « **kubana** » « **batarashakanye** » cyangwa « **batarashyingiranwe** » ibyo ariko si byo ngamije kuvugaho ubu.

Mu by'ukuri kubana hagati y'abantu badahuje ubwoko, badahuje iguhugu, badahuje ibara ry'uruhu biriho kandi si ibya none. Duhereye cyera tukajya na kure y'u Rwanda, abazi amateka y'Abaromani muzi ko bivugwa ko mu ntangiriro ya Roma abahungu bo muri uwo mujyi barangajwe imbere na Romulus (bavuga ko ari we washinze Roma), biraye mu bakobwa bo mu gihu bari baturanye bitaga « **Abasabini** » « **les Sabines** » barabafata barabarongora. Ibyo byatumye i Roma haboneka urubayo, iraturwa, iratunga, igatunganirwa.

Abasoma Bibiriya ndetse na Korowani bazi inkuru y'Umwami Salomoni wa Isiraheri n'Umwamikazi wa Saba (ari yo Etiyopiya y'ubu) bavuga ko bahuye bakabengukanwa bakagirana imishyikirano n'imibonano yaje kugera aho babyaranye. Ndetse ubu muzi ko hari abayahudi bitwa « **Abafalasha** » bavugwa ko bakomoka kuri urwo rukundo rwa Salomoni n'Umwamikazi wa Saba, Isiraheri ikaba yaraje kubashaka ikabasubiza mu gihu cya bo « **cy'ivuko** », cyangwa cy « **abasekuza** » ba bo.

Ku byerekeye imibanire y'abadahuje ibara ry'uruhu byo simbitindaho kuko buri muntu azi nibura umuntu w'umuzungu ubana n'umwirabura ; gusa nagirango aha ntange urugero rw'umugabo witwa Henri LOPES wo muri Congo Brazzaville uvuka ku mugabo w'umuzungu n'umugore w'umwiraburakazi akaba yaravutse muri 1937. Izi ngero nazihisemo mbishaka kuko ndi bubereke ko iyo mibanire y'abo bantu batandukanye yaje gutanga ikintu cyiza cyari gikwiye kutubera urugero.

Tuje no mu Rwanda rero dusanga imibanire y'abantu badahuje ubwoko atari iya none. Ingero ni nyinshi. Ku bazi imvugo igira iti « amukuye aho umwami yakuye Busyeti » bazi ko inyuma y'yo mvugo hari imibanire y'umutwa witwaga Busyeti n'umututsikazi (ndetse ngo wari umukobwa w'umwami).

Ku birebana no gushakana hagati y'Abahutu n'Abatutsi sinirirwa ndondora ingero nyinshi z'Abahutu bashakanye n'Abatutsikazi cyangwa Abatutsi babana n'Abahutukazi kuko buri munyarwanda azi nibura umuryango umwe mu nshuti ze za hafi cyangwa mu bamenyi ugizwe n'abantu babana bava muri bumwe muri ubwo bwoko. Gusa ariko nagirango ntange ingero nkeya. Zimwe muri izo ngero nazihisemo kubera ko abantu bazivugwamo atari ba rubanda rusanzwe rwa giseseke. Rumwe muri zo ni urwa Mashira, umwami wa Nduga na Mibambwe, umwami w'u Rwanda bari barahanye abageni ari bo Bwiza na Nyirantwora. Nigiye imbere mu mateka, urundi rugero natanga ndarukesa ababizi (aha ndashaka kuvuga cyane cyane abiru b'i Bwami) bemeza ko **Nyiramavugo** Umugabekazi w'u Rwanda yari afite nyina w'umuhutukazi. Nyiramavugo uyu mvuga ni we **Kankazi** nyina w'umwami Rudahigwa akaba yari umukobwa wa Mbanzabigwi ya Rwakagara rwa Gaga rya Mutenzintare wa Sesonga ya Makara ya Kiramira cya Mucuza wa Nyantabana ya Burigande bwa Ngoga ya Gihinira cya Ndiga ya **GAHUTU** ka Serwega rwa **MUTUTSI** akaba umukobwa w'Abega. Murabona ko no muri iki gisekuru harimo amoko yombi.

Twongeye kwigira imbere mu mateka yacu ya vuba, tukareba uburyo imishakanire y'abanyarwanda yari iteye dusanga abahutu n'abatutsi baragiye bahana abageni kensi. Tutiriwe tujya kure tugahera nko ku bayoboz i'b'abahutu ba Repuburika ya mbere turasanga abenshi muri bo bari batunze abagore b'abatutsikazi. Kuba rero abo Bahutu bizwi ko barahaniye kuvanaho ingoma ya cyami n'ubutegetsi bwa yo bushigye ku ngengabitekerezo y'uko Abatutsi bagomba gutegeka no gutsikamira Abahutu ari bo bafashe iya mbere bagashaka abagore b'Abatutsikazi ni ibyo gutekerezaho cyane tukareba icyo twabikuramo kitwubaka. Mu kanya ndabigarukaho.

Nkivuga ariko ku mibanire y'abantu baba batsikamira abandi n'ababa batsikamire nagirango ngaruke kuri rwa rugero rwa Henri Lopes. Uyu mugabo yavutse ku itarai ya 12 nzeri 1937 avukira i Kinshasa (icyo gihe yitwaga Léopoldville). Se yari umuzungu w'umubiligi wakoranaga n'ubutegetsi bw'ubukoloni, nyina akaba umwiraburakazi wo muri Congo Brazzaville. Mu buzima bwe, uwo mugabo agaragaza ingorane yagiye ahura nazo biturutse ku ibara ry'uruhu rwe. Agira ati : « nkiri muri Afurika niga mu mashuri abanza numvaga ndi nk'umuzungu udafite umwanya n'agaciro nk'ak'abandi bazungu buzuye ;

ariko ngeze mu Bufaransa ngiye kwiga amashuri yisumbuye na Kaminuza nasanze ndi umwirabura kuko mu maso y'abazungu sinari nakwiye kuvuga ko hari aho mpuriye n'abazungu » Uwo mugabo akomeza agira ati : « uko guhera hagati y'ambara yombi nkabura aho mbarizwa byarambazaga ariko byanteye kwibaza ku buzima bwanjye, nibaza uwo ndi we n'icyo ndicyo mu by'ukuri, bituma mfata icyemezo cyo kwishimira no kugira ishema ry'ubo ndi we ».

Iyo rero urebye imibereho y'ubo mugabo, usanga uko kutagira aho abarizwa mu mbarara y'ababyeyi be bitaramuheranye ngo agire ipfunwe cyangwa isoni ry'ubo ari we ; ahubwo byamubereye imbarutso yo kwiga abishiyizeho umwete, ariga araminuza yigisha muri za kaminuza zo mu Bufaransa nka La Sorbonne, agira uruhare rugaragara mu guharanira ko umunyafurika yabohorwa ingoyi ya gikoroni, akaba ari mu baharaniye ubwigene bw'ighigu cye n'Afurika muri rusange. Mu gihu cye, Henri LOPES yayoboye za Ministeri nyinshi kandi zinyuranye ndetse yanabaye Minisitiri w'intebwa Congo Brazzaville. Yabaye Umuyobozi wungirije wa UNESCO ushinzwe umuco n'ububanyi n'amahanga kuva muri 1982 kugera muri 1998 amakuru ye ya nyuma mperuka yari ahagarariye ighigu cye mu Bufaransa.

Uretse n'yo myanya ya politiki ku rwege rw'ighigu cye ndetse no ku rwege rw'isi uyu mugabo ni umwanditsi ukomeye kandi uzu ku rwege rw'ighigu cye, urwa Afurika ndetse n'urw'isi. N'ikimenyimenyi yagiye yegukana ibihembo bahanitse mu bijyanye n'ubuhanzi bushingiye ku bwanditsi.

Icyatumye ntanga urugero rw'uyu mugabo ni uko yavutse mu gihe cya gikorize. Icyo gihe abazungu bumvaga ko ari bo bazi ubwenge, bafite ubushobozi n'ubumenyi akaba ari na bo bagombaga gutegeka abirabura. Uwo mugabo rero njye anyerekre ishusho y'ubwuzuzanye bw'ibintu cyangwa bw'abantu basa n'abadafite icyo bahruiye. Biragarakara ko nk'uko abyivugira, mu ntangiriro y'ubuzima bwe yabanje kubura aho ahagaze yibaza ibibazo byinshi kuri we ubwe, atazi uwo ariwe. Nyamara uko kutiyumvamo ubwirabura bwuzuye cyangwa ubuzungu bwuzuye ntibamuheranye ngo abure umwanya mu buzima bwe ku giti cye no mu buzima bw'ighigu cye ndetse n'ubw'isi yose muri rusange. Ahubwo yafashe uko kuntu ateye, atasabye kandi atanahaye aghhindura isoko yavomyemo imbaraga zatumye agra kuri byinshi harimo ibyo bike cyane nababwiye hejur aha kuko rwose bitanyorohye kurondora ibyo yakoze ngo mbirangize muri iyi mirongo mike mfite.

Tugarutse rero ku bireba abanyarwanda, nk'uko nabivuze kandi bikaba bizwi, ubwoko bwacu uko ari butatu buhana abageni kuva cyera. Hejuru natenze ingero za bamwe mu bazwi mu mateka y'u Rwanda. Ariko uko guhana abageni iyo ubirebye usanga akenshi hari uburyo umuntu yabibona. Reka dufate nk'abategetsi ba Répuburika ya mbere nka Kayibanda, Makuza n'abandi...

Soma Ibikurikira ku rup 4....

Ibikurikira urup 3

Aha ndibanda gusa kuri **Perezida Grégoire Kayibanda** kuko mbona nta mwanya uruta uwongo wo mu kuba uhagarariye rubanda. Uyu mugabo ntawe uyobewe uruhare yagize **mu kuba kw'isonga mu gushinga Repubulika y'u Rwanda** afatanyije n'abandi barwanashyaka mu kuvanaho ingoma ya cyami iyobowe n'Abatutsi yari imaze imyaka amagana n'amagana iryamira Abahutu. Kuba yari afite umugore w'umututsikazi njye mfite uko mbibona

Ariko mbere yo kubabwira uburyo mbona uko kubana kwa **Grégoire Kayibanda na Vérdiane Mukagatare** n'isomo nkuramo, reka tubanze turebere hamwe uburyo ugushakana hagati y'abanyarwanda muri rusange, hamwe no gushyingirana no gushakana hagati y'Abatutsi n'Abahutu ku buryo bw'umwihariko bigenda, noneho mbabwire uko njye ku giti cyanje mbona bigenda. Uwaba afite ukundi abibona na we yazabitugezaho.

Mu by'ukuri iyo ndebye iyo mibanire mvuze haruguru, nsanga nayigabanyamo ibice nka bitatu :

1) Igice cya mbere ni icy'abantu babana cyangwa babanaga hadashingwe mbere na mbere ku bushake bwabo. Aha tuzi ko mu muco wacu wa cyera iyo umuntu yabaga afite umusore ubeze mu kigero cyo kurushinga yashakishaga umuryango ufite umukobwa ukwiye kubaka urugo akamumusabira bakamumuha akamurongora. Tuzi kandi ko iyo byabaga ngombwa habagaho ibyo bitaga « kurangisha » no « kuranga » aha mwibuke ya mvugo yagiraga iti : « nta bukwe butagira umuranga » cyangwa ngo « umukobwa wabuze umuranga yaheze mwa nyina ». Muri make uwo mubyeyi yumvikanaga na se w'uwo mukobwa akamusaba umugen, agakwa, nyuma bakazamuhekera umugen, akaza akabana n'umugabo, akubaka, akabyara, urugo rugatunga rugatunganirwa n'ubwo yabaga ahuye n'uwo musore bwa mbere ari uko bagiye « kumara amavuta ». Muri iyo mishakanire biragaragara ko nta ruhare rugaragara ababana babaga babigizemo ndetse muzi ko hari n'umugani najyaga numva mu gitaramo uvuga ibya « Nyamatgerakazazejo » wakoye inda agakwerera indi. Nizere ko muri iyi minsi ubu buryo bwo kurwubaka butakiri mu Rwanda.

2) Igice cya kabiri kigizwe n'ababana babishingiye ku nyungu no ku mibare. Aha natanga nk'urugero rw'umuntu wabaga atarize amashuri menshi ariko wenda akaba afite amafaranga wareba nk'umukobwa urangije amashuri ufite impamyabumenyi n'akazi akabara agasanga abanye n'uwo mukobwa umutungo we wakwiyongera kuko bombi babaga binjiza amafaranga ; uwo mukobwa na we akabara ati « ndasiga ibi nsanga ibihe » akisangira uwo munyamafaranga kuko aba cyangwa yabaga yizeye ko azabaho nta cyo abuze.

Aha natanze urugero rw'amafaranga ariko hari n'ibindi bijya cyangwa byajyaga bigenderwaho mu gushyingirana, nk'ubushobozi n'ububasha bishingiye ku myanya ya poritiki, kuba uvuka mu muryango runaka ukomeye ugashaka ko uwo muryango ushyingirana n'undi ukomeye, hakurikijwe bya bindi bavuga mu Kinyarwanda ngo « habana abakize » kandi ngo « amaboko atareshya ntaramukanya » ; n'ibindi... Yewe nkiri kuri ibyo by'ibikomerezwa, hari n'ubwo nk'umugabo ukomeye yakinishaga umwari akaba amuteye inda, noneho mu gushaka kubihishira agashaka umusore mu bo ategeka cyangwa afiteho ububasha, akamuha uwo mukobwa akamurongora, akazitwa ko ari we se w'uwo mwana, noneho mu kumwitura akamwemerera kuzamufasha muri byinshi bumvikanagaho. Uko biri kose, izi ngo ntiziba zishingiye mbere na mbere ku rukundo n'ubushake bw'ababa babana n'ubwo mu ngo nzi zubitswe muri ubwo buryo ababana bagera aho bagasa n'abakundana. Ibyo ari byose iyo bamaze kumenyana no kumenyerana akensi babana neza mu bwuhabane n'ubwuzuzanye n'yo basenye basenya nk'abandi, kandi nta mibare nigeze nkora ngo menye niba babana neza cyangwa nabi kurusha ababanye biturutse ku bushake bushingiye ku rukundo gusa.

1) Igice cya gatatu ari nacyo nizera kandi nifuza ko cyaba kigizwe n'abensi mu babana, ni icy'abarusinga biturutse ku rukundo baba bifitaniye. Aba ntibagira ikibitambika imbere ngo kibangamire imibanire ya bo cyaba ikibazo cy'ubwoko, cyaba icy'umuryango umwe akomokamo cyangwa icy'umutungo w'uwo bashakanye cyangwa umuryango baba bafite cyangwa badafite. Iyo bakundana bakiyemeza kubana, barabana kandi bakabana neza. Emwe n'yo bahuye n'ibibazo birenze ubwenge babyikuramo neza buri gihe, kandi n'yo baba batagishobokane bagatandukana babikora nta n'umwe wiezuza ngo abe yagira ati : « n'ubundi twabanye ntabishaka » ; muri make usanga babanye mu munezero uranga urugo rushingiye ku rukundo rw'ukuri. No mu mibanire y'abahutu n'abatutsi, usanga ibyo byiciro uko ari bitatu bibonekamo. Reka ntange ingeri : Tugarutse nko kuri ya mishyingiranire ya Mibambwe na Mashira nababwiye haruguru dusanga Mibambwe ajya gushyingira Mashira umukobwa we Nyampundu abandi bita Nyirantorwa yari agamije « gucengera » ubwami bwa Mashira kugirango azabone uko abwigarurira amaze kumwica ; kandi ni ko byaje kugenda. Koko rero nk'uko amateka abitubwira

Mashira yari afite ingabo zikomeye zari zarananiye Mibambwe I Sekarongoro n'ingabo ze. Mashira rero amaze kunanirana, Mibambwe yazibukiriye iby'imirwano aba abishyize iruhande, maze ingoma y'Ababanda irasugira. Ni bwo rero Mibambwe yigiriye imigambi yo kugirana imimaro (amasezerano yo kutarwana) na Mashira; biremezwa Mashira aba umwami wa Nduga. Nyuma yaho imishiye kiran yarakomeye, ndetse haziraho no gushyingirana nk'uko nabivuze haruguru, babana nk'incuti kugera n'aho Mibambwe yaje guhungira kwa Mashira nyuma yo gutsindwa mu gitero cya kabiri cy'Abanyoro ni uko Umwami Mashira aramwakira aramuhiisa akira atyo Abanyoro. Ibyo ariko ntibayabujije Mibambwe gukomeza umugambi we mubisha kuko yaje gushyirwa yivuganye Mashira.

Nyamara Mashira we mu gushyingira kwa Mibambwe, yari yizeye ko arimo gukomeza imibanire myiza n'uwo mwami n'ingoma ye, kugira ngo ibihugu bya bo bibane neza kurushaho muri uko kuvanga amaraso ; we yumvaga ko ari nk'igihango agiranye na bo. Uko kwirara hamwe n'icyizere cyaje kuraza amasinde bya Mashira ku ruhande rumwe, uburyarya n'indimi ebyiri bya Mibambwe kurundi ruhande nibyo nyirabayazana ry'iyciwa ry'umwami Mashira. Nyamara mu by'ukuri Mashira ntiyari abuze ingabo zikomeye kandi nyinshi, ariko we yahugije mu byo kubana neza no gushyingirana, mu gihe Mibambwe we yari agamije kumurimbura hakurikijwe politiki ye mbi, iyi idatinya kwica amasezerano, umubano no gutsembe isano. Aha niho nsanga kuriya kubana kw'abantu batabifitemo uruhare byari bikwiye kurangirana na bariya babikoze ; twe tukareba kure, tugamije imibanire myiza hagati y'amoko yacu dore ko noneho turi mu gihugu kimwe.

Ku birebana na kiriya gice cya kabiri cy'babana hagamijwe inyungu cyo singitindaho kuko numva kitatuzamura na gato cyane cyane ko ntashaka guteza intugunda mu mitwe y'abasoma ibi. Ariko nagirango ntange agatekereo gato gusa ku birebana n'abahutu bagiye babana n'abo badahuje ubwoko mu Rwanda. Aha Ndatekereza abantu bubatse ingo muri za 1960 u Rwanda rukibona ubwigenge kugera muri za 1970. Muri icyo gihe abahutu bari bamaze kwiga ari benshi kandi bagiye barushaho kwiyongera bitewe n'ihinduka ry'ubutegetsi ryari ririmo kuba ryabemereraga na bo kwiga amashuri yisumbuye ndetse na za kaminuza. Ni uko bamwe baje kuba abarimu, abandi bakaba abakarani (secrétaires), abandi bagakora mu nzego zinyuranye z'ighugu ari abafongisiyoneri (fonctionnaires) abandi ari abasisista banyuranye.

Aha mu rwego rw'urwenya mwibuke ya ndirimbo yitwa **Adela Mukasine** ya Orukesitere (orchestre) Umubano ivuga uburyo Mukasine uwo yaje gusendwa kubera ubujiji bwe ndetse n'amashuri make yari afite ataranatumye amenya ko ari we barimo kuvuga igithe agira ati: « abasisita bateranye, urufaransa badidibuza, naho ntazi ko ari njye bavuga, burya kutiga biragatsindwa » abazi Adela uwo n'umugabo we bambwiye ko baba bakomoka mu bwoko bw'ubuhutu n'ubututsi.

Abo Bahutu rero bakimara kurangiza amashuri batangiye akazi nuko bibona bari mu rwego rwo hejuru noneho babura abahutukazi bahuje urwego ngo babarongore; kandi tuzi ko mu kinyarwanda, nk'uko nababwiye kare, bavuga ngo « amaboko atareshya ntaramukanya ». Ni muri urwo rwego rero bahitagamo kurongora abatutsikazi batitaye ku mashuri ya bo kuko mu myumvire y'icyo gihe bagisohoka mu ngoma ya cyami ntibayi byoroshye ko abahutu bumva ko bareshya n'abatutsi; bumvaga ko umuhutu wize areshya n'umututsikazi utarize na make cyangwa wize make kuri we. Gusa ikigaragara kandi nshima ni uko abensi muri abo bagore babanaga n'abo bahutu bize (mpereye ku bo nzi ku giti cya njye babanye muri ubwo buryo), babubaha bakababera abagore b'umutima w'urugo; ingo za bo zigakomera, zikegendwa, zigatunga, zigatunganirwa.

Aha ariko nagitango ngaruke gato kuri rwa rugero rw'abategetsi bavanye u Rwanda ku ngeoyi ya gihake. Njye ntekereza ko uretse n'icyo cyo kumva ko umugore wari ubawkiriye yari umututsikazi, bari banafite mu mutwe wa bo ko byari ngombwa ko ibyo by'amoko bitari bikwiye gukomeza gutanya abanyarwanda; ko ahubwo buri wese yari akwiye gushyira hamwe na buri wundi; Abatutsi bagashakana n'Abahutukazi, Abahutu bagashakana n'Abatutsikazi, ndetse n'Abatwa bagashakana nayo moko yandi bityo u Rwanda rugaturwa n'abantu bahuje ubwoko kandi bumvikana, ibintu byo guhora bahanganye bikavaho; abanyarwanda, baba Abahutu baba Abatutsi tutibagiye n'Abatwa, bakabana mu bwumvikane, n'ubumwe buhamye bushingiye ndetse no ku kuvanga amaraso aho guhora bavushanya amaraso.

Reka tube ducumbikiye aha tuzakomeza mu numero yacu itaha **Biracyaza....**

HAVUGAYO MVUGAKARIHO.

Igereranya ry'ivangurwa rikorerwa Abanyarwanda b'Abahutu na Apartheid yakorewe Abirabura muri Afurika yepfo.



Banyarwanda, Banyarwandakazi,

Imyaka 20 irashize ishyaka nako ngo umuryango wa FPR-Inkotanyi uyobora u Rwanda . Iyo witegeree neza imiyoborere y'uwo muryango (FPR) , uhoreye mu nzego zo hejuru ukagera ku nzego zo hasi ndetse no mu mashuri usanga hari mo ivangura rikabije.

Imiyoborere ya FPR irangwa ahanini n'igitugu gikabije, ikinyoma, ubwicanyi, intambara z'urudaca mu bihugu by'abaturanyi, kubangamira ubwisanzure bw'abaturvurumwe nabo muri Politiki, kuniga itangaza makuru , ryaba irya leta

n'iryigenga, ihoterwa rikabije rikomeje gukorerwa abenegihugu hirya no hino mu gihugu, ishimutwa ry'abanyarwanda mu buhungiro, tutibagiye n'ubwicanyi bubakorerwa haba mu gihugu imbere ndetse no hanze yacyo n'ibindi.

Ikgaragarira buri wese ni uko ibyo byose turondoye hejuru, usanga bifite ingaruka mbi zikomeye ku mibereho myiza y'abanyarwanda bose muri rusange (Abahutu, Abatutsi, Abatwa) ariko byagera ku bwoko bw'Abahutu bwo bikaba agahebuzo.

Ikitwa Umuhutu mu Rwanda nta gaciro gifite imbere ya FPR! Kuri FPR, umuhutu ni umuntu ugomba guhora akubita amavi hasi, asabira imbabazi ibyaha atakoze. Umuhutu agomba kwandagazwa muri za gacaca, umuhutu agomba gukora imirimo y'uburetwa (TIG) , icumbi ry'Abahutu ryabaye za gereza aho basigaye babatwikiramо bityo yangunguru igashiramо amazi ku buryo bwihuse.

Iyo witegeree neza imiyitwarire ya FPR n'uburyo ubwoko bw'Abahutu butsikamiwe mu Rwanda , usanga neza neza ntaho bitaniye na Apartheid yo muri Afrika y'Epfo , aho Gashakabuhake , yari yarikubiye umutungo w'igihugu cya Afrika y'Epfo. Umrwabura yari yaratsikamiwe kuburyo budasubirwaho, yarabaye umucakara, muri make yarabaye ingaruzwamuheto mu gihugu nk'uko mu byukuri FPR yahinduye ubwoko bw'Abahutu abantu bo mu rwego rwa kabiri (**second class citizens**).

Dore muri make kandi mu ngingo zumvikana uko tugereranya FPR na Apartheid ya ba Gashakabuhake bo muri Afrika y'Epfo:

1. **Uburegetsi bw'agatsiko:** Agatsiko ka FPR-Inkotanyi kayoboye u Rwanda gaturuka mu bwoko bw'Abatutsi buri hagati ya 9 na 14% . Ibi twabigereranya n'agatsiko k'abazungu kimitse Apartheid mu myaka ya 1948 kugeza 1994 kakomokaga mu bwoko bw'abazungu buri hagati ya 9-10% byabenegihugu.

2. **Mu mategeko:** Muri Afrika y'Epfo mu myaka ya 1948 hashywizeho itegeko rya Apartheid (itegeko ritandukanya abazungu n'abirabura). Iri vangura ryahise rikwira mu nzego z'ubuzima bwose bw'igihugu. Ibi byatumye intwali Nelson Mandela Madiba na bagensi be nka Walter Sisulu, Oliver Tambo, Ahmed Kathrada, Govan Mbeki n'abandi biyemeza kurwanya iryo vangura. Kimwe nuko muri Afrika y'Epfo hariho amategeko avangura, no mu Rwanda hari amategeko na za gahunda zishimangira ivangura. Urugero: mu Itegeko ry'Ingengabitekerezo ya jenoside rihana abahutu gusa; gahunda nka "Ndimunyarwanda" itegeko abahutu gusaba imbabazi abatutsi, inkiko "Gacaca" zashyiriveho kuburanisha no kurenganya ikitwa umuhutu, imirimo nsimburagifungo TIG imaze nk'uburetwa bukorwa n'Abahutu gusa, ibigega birihira imfumbyi z'abatutsi gusa, n'ibindi n'ibindi.

3. **Mu Burezi:** N'ubwo nta mashuri ariho yigamo Abahutu cg Abatutsi gusa ku buryo bweruye nkuko abirabura babuzwaga kwigana n'abazungu; mu Rwanda usanga uko systèmes y'uburezi iteye ikumira abana b'abakene n'impfyi biganjemo Abahutu, etc. Amashuri amwe y'abakire cyane , abana b'Abahutu batabona ubushobozi bwo kujyamo, ibyiciro by'ubudehe, kuvangura impfyi mu mashuri yisumbuye na Kaminuza n'ibindi

4. **Ubutaka:** Nk'uko n'abazungu bihariye hafi 80% ry'ubutaka kandi umubare wabo ari 9% ry'abaturage , mu Rwanda ibikingi byaragarutse, abenegihugu bato bato bambuwe udusambu twabo, FPR yazanye ibyo yise isaranganya kugirango ibone uko yambura mu Mayeri abenegihugu amasambu, imirima n'ibishanga byabo. Byongeye kandi abambari b'abategetsi ba FPR mu cyaro birara mu myaka y'abenegihugu (abaturage) bakayirandaguza. Hari bamwe mu bahanzi twamenye ko mu kigwi cyo kubaha imbuto nzima ministeri y'ubuhinzi ibaha imbuto ziboze n'ibindi. Abo mu gatsiko ka FPR nibo bafashe inzuri nziza n'ibishanga bashyiramо inzitiro z'amatungo yabo nkuko na ba "Gashakabuhake" babikoraga muri Afrika y'Epfo.

5. **Gusenyu amazu:** Nkuko byakorerwaga abirabura, no mu Rwanda abakene barasenyerwa amazu muri Kigali n'ahandi mu Gihugu. Abo bakene higanjemo Abahutu igice kinini n'Abatutsi b'abakene bake bake.

6. **Ubukungu bw'igihugu:** Nkuko agatsiko ka ba "Gashakabuhake" kari karikubiye ibyiza byose by'igihugu , agatsiko gato ka FPR mu Rwanda kagizwe n'abatutsi baturutse Uganda cyane cyane niko kanyunuza imitsi ya Rubanda rugufi (abahutu, abatutsi n'abatwa). Ako gatsiko kifashisha bamwe mu bahutu b'inda nini gashyira imbere nk'agakingirizo kugirango FPR ibeshye amahanga ko abanyarwanda bose bibona muri Guverinoma iriho.

7. **Inzezo zikomeye za Politiki n'umutekano :** Izi nzego zihariwe na minorité y'ubwoko bumwe bw'abatutsi. Muzy neza ko Ibigo bya Leta na za Minisiteri nta muhutu ushobora kubikandagiramo. N'ubo bashyizemo , aba yabanje gusaba imbabazi z'icyaha cy,inkomoko

(kuba ari umuhutu). Igisirikari, polisi, inzezo zishinzwe abinjira n'abasohoka mu Gihugu,n'inzezo z'iperereza zihariwe n'abantu bamwe bakomoka mu bwoko bw,abatutsi cyane cyane abaturutse Uganda.

8. **Gutekinika imanza za Politiki:** imanza za politiki zo mu gihe cyaba "Gashaka-buhake" urugero imanza zarezwemo Madela na bagensi be babashinja kuba ba terrorists zarimo ibinyoma by'ibihimbano. FPR Nay o yitwaza ubutabera igahimbira abanyapolitiki ibyaha batakoze. Ingero ni nyinshi muzy abanyapolitiki bafungiye mu magereza mu Rwanda bazira ibitekerezo byabo.

9. **Mu kazi:** Nkuko abirabura aribo bari mu kazi kagayitse kandi gahemba intica ntikize , niko bimeze no mu Rwanda. Aha nabibuska ko abirabura -kazi bagombaga kujya gukora mu ngo z,abazungu , naho abagabo b'abirabura bo ntabwo bagombaga gukandagira mu mugi wa Johannesburg . Naho mu Rwanda se bite? Abakora akazi gasuzuguritse kandi k'ingufu ni bande? ubwoko bwiganjemo abashomeri benshi ni ubuhe? Abahembwa urusenda ni bande? Urugero: reba mu barimu biganjemo igice kinini cy'Abahutu bahembwa ubusa.

10. **Uhubanyi n'amahanga:** Ba "Gashakabuhake" bashakaga gukoroniza ibihugu aituranje: Namibia, Zimbabwe, Zambia etc usanga n'agatsiko ka FPR kayoboye mu Rwanda gashaka gufata ibihugu baturanyi. urugero: Ntawe uyobewe uruhare rw'ingabo RDF mu ntambara zayogje uburasirazuba bwa Kongo guhera 1996 kugeza ubu.

11. **Gukoresha iterabwoba , kugira abenegihugu ibikange, kwica abatavuga rumwe na FPR mu Rwanda no hanze:** Iyi ni intwaro FPR ikoresha cyane yo kwika iba yari intwaro ba "Gashakabuhake " "bakoresheje . Aha twakongeraho ko uko "Gashaka buhake " , yakoreshega abirabura mukurimbagura bene wabo b'abirabura , ari nako agatsiko ka FPR gukoresha Abahutu bamwe mu guhitana abandi bahutu , cyane cyane bari mu buhungiro.

12. **Itandukaniro:** Ni uko muri Afrika y'Epfo bamwe bari abazungu abandi ari abirabura bigaragarira buri wese, ariko mu Rwanda Apartheid irarisha ariko ntibigaragarira bose kuko twese ibara ry'uruhi ni rimwe.



Umwanzuro

Ivangura rikorerwa abanyarwanda b'abahutu mu Rwanda ni ribi cyane kurusha ryabereye muri Afrika yepfo kubera ko ryo rikorwa mu bwihiho no mu mayeri menshi yo kujijisha.

Buriya buyobozi bwogeje ikitwa umuhutu ubwonko, bumwumvisha ko ari umwicanyi, kandi ko nta burenganzira agomba kugira mu gihugu. Bitezey isoni n'agahinda kubona ubwoko bw'abahutu bufashwe nk'abanyagihugu bo ku rwego rwa 2 (deuxieme classe) mu gihugu cyabo. Ibi rwose ntaho bitaniye n'ibyo muri afrika y'epfo mu gihe cya ba "Gashaka buhake".

Isomo twakuramo ni irihe?

Isomo twakuramo ni uko abanyarwanda bose , abahutu ,abatutsi , imvange zikomoka kuri ubwo bwombi , abatwa , twahagurukira rimwe tugasezerera FPR yitwara nka "Gashaka buhake" yari yarashinze imizi mu gihugu cya Afrika y'epfo.

Intwali Mandela na bagensi be kuki bo babigezezo? Ubwenge buraruhurwa. Banyakpoliti b'inararibonye , banyakapoliti ba Nouvelle Génération , abo muri société civile, abihaye IMANA , rubyiruko (Abahutu ,Abatutsi , Imvange, n'Abatwa), banyarwanda bari imbere mu gihugu namwe muri mu buhungiro, iyi ni "INTABAZA" tubagejejeho , ngo mwishyire hamwe turebe uko twakwibaruka Mandela mu rwatubyaye. Mwibuke ko ibiduhuza ariyo byinshi kurusha ibidutanya.

Mucyo tube ba "GACANZIGO".

Spéciose-Mujawayezu

Géo-Politique: Inama yahuje igihugu cya Leta zunze ubumwe z'Amerika (US) n'ibihugu by'Afurika isize iki?



Kuva tariki 4 kugeza tariki 6 Kanama 2014 muri Maison Blanche muri Amerika Perezida Obama yatumijeho Abaperezida hafi ya bose b'Afurika abakoresha inama ngo yigaga ku bufatanye mu bucuruzi n'iterambere hagati y'igihugu cye US n'ibihugu by'Afurika.



Mu ntangiriro ku byerekeye ubutumire hari Ibihugu bitagaragaye ku rutorde rw'abatumirwa muri iyo nama ngo kubera ko muri ibyobihugu nta Demokarasi ihari urugero nib a Perezida b'ibihugu Zimbabwe, Madagascar na Guine-Bissau. Aha ikibazo abakurikiranira hafi politiki mpuzamahanga y'Amerika muri Afurika bakaba bibaza niba muri biriyabihugu bindi byatumiwe Demokarasi ari sawa sawa. Dufashe nk'urugero Perezida Museveni amaze kwiyongeza manda eshatu kimwe na President Robert Mugabe wa Zimbabwe. Niba bashingira ku ba Perezida baniga Demokarasi uwa mbere utakandagira mui Merika ni Perezida Museveni kubera ibyaha by'ubwicanyi yagiriye abaganda, Abanyarwanda, n'abanyekongo. Undi muperezida utaratumiwe ni Perezida wa Sudan Omar al-Bashir ngo kubera ko afite ibyaha arengwa na International Criminal Court (ICC). Bibaye Biryo Perezida Kenyata nawe ntiyari gutumirwa kuko nawe afite ibyaha akurikiranyweho na ICC, byongeye niba ari ukureba abicanyi Perezida Kagame ntiyagomba gutumirwa kubera ubwicanyi we n'ishyaka rye FPR-Inkotanyi byakoreye Abanyarwanda, Abarundi, Abanyekongo, Abagande, Abesipanyori, Abanyekanada n'abandi.

Kubona Perezida Kagame na Kabira bashimwa n'agatsiko k'abazungu bake nabo ariku ku rundi ruhande abenegihugu babo bakabaha induru aho banyuze bisobanuye ko aba baperezida bombi bakorera inyungu z'ako gatsiko k'abazungu bayora umutungo w'Afurika bajyana iwabo. Uwavuga ko Kagame Atari perezida ubikwiye w'abanyarwanda ko ahubwo ari perezida uhagarariye inyungu z'agatsiko k'ibisambo n'amabandi basahura ighigu ntiyaba abeshye.

Birababaje cyane kubona abo batwigisha demokarasi barenga kubyo bo bazi bafitiye n'ibimenyetso byinshi kubera ikoranabuhanga ryabo baturusha bagatumira inkoramraso nka Perezida Kagame, Museveni, Kabira n'abandi tutarondoye bakabaha ibyubahiro bidasan Zwe. Hari umuririmbyi waririmbye ngo iby'iyi si ni amabanga. Umunyarwanda we aca umugani ati uwavuga ay'inzuki ubuki ntibwaribwa. Byose n'inyungu z'ighe gito. Gusa ntawabura gushima Abakuru b'ibihugu bake bamwe na bamwe bagerageza gukorera ineza y'abenegihugu babo. Reka tubitege amaso.



Kagame na Kabilia bakirijwe induru y'imyigaragambyo: Mu bantu bikomeye byagaragaye Washington ni ukubona mu ba Perezida bose barenga 40 bari aho abaperezida 2 Kagame na Kabira ariko abenegihugu babo bakomereye bakabakiriza imyigaragambyo yerekana agahinda, intimba n'agahinda batewe n'ubutegetsi bushingiye ku bwicanyi n'akarengane mu Rwanda no muri Congo. Mu magambo yari yanditse ku byapa abari mu rugendo rwo kwamaganaga Kagame bitwaje harimo ko Kagame ari "génocidaire", serial killer (umwicanyi ruharwa), war criminal (aregwa ibyaha byo mu ntambara) n'aandi magambo menshi yerekana ko yanize Demokarasi n'itangazamakuru mu Rwanda.



FPR-INKOTANYI IKOMEJE UMUGAMBI WAYO WO KURIMBURA ABAHUTU MU RWANDA NO MU KARERE-Urutonde rw'Abihayimana Gatorika bishwe na FPR

Twiyibutse, Twibukiranye amahano FPR inkotanyi Yakoreye Abanyarwanda

Mu rwego rwo kubagaragariza umugambi mubisha wa FPR-Inkotanyi wo gutsema Abanyarwanda cyane cyane abo yanga urunuka bo mu bwoko bw'Abahutu tugiye tubagezaho urutonde rwa bamwe mu bihayimana ba Kilizya Gatorika bakindaguwe na FPR-Inkotanyi guhera mu Kwakira 1990.

	A m a z i n a	I g i h u g u / i n k o m o k o	U m u r i m o y a r i a s h i n z w e	A m a t a r i k i b i s h w e h o
1	R enée P opin	France	R eligieuse paroisse de R ushaki	4/10/1990
2	R évérent P adiri J o a q u i m V alm ajo	Espagne	curé de Nyagahanga, Nyinawimana R ukomo (Diocèse de Byumba)	20/04/1994
3	P adiri J o s e p h H itim a n a	R wanda/Hutu	Ex-R e c t e u r du p e t i t s é m i n a i r e R w e s e r o	R wesero 23/04/1994[1]
4	P adiri A than a s e N kunda b a n y a n g a	R wanda/Hutu	E con o m e g é n é r a l du d i o c è s e de Byumba	23/04/1994
5	P adiri C h r i s t i a n N kiliye h e	R wanda/Hutu	R e c t e u r R w e s e r o	23/04/1994
6	P adiri A lex i s H avugim a n a	R wanda/Hutu	p r é f e t de discipline R w e s e r o	23/04/1994
7	P adiri F aust i n M ulind w a	R wanda/Hutu	R w e s e r o	23/04/1994
8	P adiri F ide le M ulinda	R wanda/Hutu	R w e s e r o	23/04/1994
9	P adiri C e l e s t i n M u h a yim a n a	R wanda/Hutu	R w e s e r o	23/04/1994
10	P adiri A ugus t i n M u h a yim a n a	R wanda/Hutu	R w e s e r o	23/04/1994
11	P adiri G asp a rd M udashim wa	R wanda/Hutu	R w e s e r o	23/04/1994
12	S o e u r A n n o n c i a t a	R wanda/Hutu	R w e s e r o	23/04/1994
13	S o e u r C a r o l l a	Espagne	R w e s e r o	23/04/1994
14	M gr V incent N S E N G I Y U M V A ,	R wanda/Hutu,	A r c h e v ê que A r c h i d i o c è s e de Kigali	G akurazo 5/06/1994
15	M gr J o s e p h R U Z I N D A N A	R wanda/Hutu	E v ê que D i o c è s e de B y u m b a ,	5/6/1994
16	M gr Thaddée N S E N G I Y U M V A ,	R wanda/Hutu	E v ê que D i o c è s e de Kabgayi et p r é s i d e n t de la conférence épiscopale rwandaise	5/6/1994
17	M gr J ean M a rie V i a n n e y R W A B I L I N D A	R wanda/Hutu	V i c a i r e g é n é r a l du d i o c è s e de Kabgayi,	5/6/1994
18	M gr I nno c e nt G A S A B W O Y A	R wanda/Tutsi	V i c a i r e é p i s c o p a l à Kamonyi et a n c i è n v i c a i r e g é n é r a l Kabgayi	5/6/1994
19	P adiri E mm a nuel U W I M A N A	R wanda/Hutu	r e c t e u r du P e t i t S é m i n a i r e Kabgayi,	5/6/1994
20	P adiri S ylvestre N D A B E R E T S E	R wanda/Hutu	é co n o m e g é n é r a l Kabgayi,	5/6/1994
21	P adiri B ernard N T A M U G A B U M W E	R wanda/Hutu	r e p r é s e n t a n t p r é f e c t o r a l de l' e n s e i g n e m e n t c a t h o l i q u e Kabgayi,	5/6/1994
22	P adiri F rançois X a v i e r M ULIGO	R wanda/Hutu	c u r é de la c a t h é d r a l e de Kabgayi,	5/6/1994
23	P adiri A lfred K AYIB A N D A	R wanda/Hutu	V i c a i r e du D i o c è s e Kabgayi,	5/6/1994
24	P adiri F idèle G A H O N Z I R E	R wanda/Tutsi	V i c a i r e du D i o c è s e Kabgayi,	5/6/1994
25	P adiri D enis M UTABAZI	R wanda/Tutsi	D i o c è s e de Nyundo	5/6/1994
26	F r è r e J ean B a p t i s t e N S I N G A	R wanda/Tutsi	S up é r i e u r G é n é r a l des Fr è r e s J o s é p h i t e s	5/6/1994
27	P adiri C laude S imard	Canada	c u r é de R u y e n z i à B utare	17/10/1994
28	P adiri P ie N tahob ari	R wanda/Hutu	c u r é de Kamonyi (d i o c è s e Kabgayi)	1/8/1995
29	S o e u r C a r m e n O lza	Espagne	S o e u r de la charite de S a i n t e Anne	M u g i n a 19/03/1996
30	M gr C hris to phe M unzihirwa M wenengabo	Zaire/RDC	A r c h e v ê que de B ukavu	29/10/1996
31	M gr P hoc a s N i k w i g i z e	R wanda/Hutu	E v ê que du D i o c è s e de Ruhengeri	30/10/1996
32	P adiri C y p r i e n G a s i m b a	R wanda/Hutu	d i o c è s e de Nyundo	K a shusha 30/10/1996
33	S avando M ayo r G a r i c ia	Espagne		N y a m i r a n g we Zaire 31/10/1996
34	J ulio R odri guez J org e	Espagne		31/10/1996
35	M iguel A ngel I ls a L u c i o	Espagne		31/10/1996
36	F ernando de la F uente de la F uente	Espagne		31/10/1996
37	P adiri J ean C laude B uhend w a	Zaire/RDC	B u r h a l e / B ukavu	C i m a n g a 1/11/1996
38	P adiri D aniel C izim ya N akag a m a	Zaire/RDC	P r è t e r e dans l' a r c h i d i o c è s e de B ukavu	6/12/1996
39	S o e u r D enise K aham b u	Zaire/RDC	S o e u r trappistin e	7/12/1996
40	P adiri G uy P inard,	Canada	c u r é de K a m p a n g a (d i o c è s e Ruhengeri)	2/2/1997

**Ibikurikira urup 7.: Urutonde
rw'Abihayimana Gatorika bivuganywe na
FPR-INKOTANYI IKOMEJE UMUGAMBI
WAYO WO KURIMBURA ABAHUTU MU
RWANDA NO MU KARERE**



	A m a z i n a	I g i h u g u / i n k o m o k o	U m u r i m o y a r i a s h i n z w e	A m a t a r i k i b i s h w e h o
41	P a d i r i A n t o i n e H a t e g e k i m a n a	R w a n d a / H u t u	o r i g i n a i r e d u d i o c è s e d e R u h e n g e r i , il é t a i t a n c i e r a u m o n i e r m i l i a i r e c a t h o l i q u e	K A L I M A / Z A I R E 2/3/1997
42	P a d i r i U r b a i n T w a g i r a y e z u	R w a n d a / H u t u	d i o c è s e N y u n d o	2/3/1997
43	P a d i r i E t i e n n e K a b e r a	R w a n d a / H u t u	d i o c è s e B u t a r e	2/3/1997
44	P a d i r i J e a n U w i z e y i m a n a	R w a n d a / H u t u	d i o c è s e B u t a r e	2/3/1997
45	P a d i r i A u g u s t i n N k u l i k i y u m u k i z a ,	R w a n d a / H u t u	d i o c è s e B u t a r e (o r i g i n a i r e G i k o n g o r o)	2/3/1997
46	P a d i r i F r a n ç o i s X a v i e r M u y o b o k e ,	R w a n d a / H u t u	d i o c è s e K a b g a y i	2/3/1997
47	P a d i r i E m m a n u e l M u n y a k a z i	R w a n d a / H u t u	d i o c è s e d e C y a n g u n g u , il é t a i t a n c i e	2/3/1997
48	P a d i r i N o r b e r t M i l i m o	R w a n d a / H u t u	d i o c è s e B u t a r e	2/3/1997
49	S o e u r M a r i e F r a n c i n e N y i r a k u n d o	R w a n d a / H u t u	d i o c è s e d e C y a n g u g u S o e u r s P é n i t e	2/3/1997
50	S o e u r F é l i c i t é M u k a m i h i g o ,	R w a n d a / H u t u	d i o c è s e d e C y a n g u g u : S o e u r s P é n i t e n t e s d e S a i n t F r a n c o i s d ' A s s i s e	2/3/1997
51	S o e u r C l o t i l d e N y i r a b a k u n g u ,	R w a n d a / H u t u	S o u e r s d e l a C o n g r é g a t i o n A b i z e r a m a r i y a	2/3/1997
52	S o e u r G o d e l i v e M u k a m u n a n a ,	R w a n d a / H u t u	d e l a C o n g r é g a t i o n A b i z e r a m a r i y a	K a s e s e / Z a i r e 22/04/1997
53	S o e u r R o s a l i e U w a m a r i y a	R w a n d a / H u t u	c o n g r é g a t i o n A b i z e r a m a r i y a	K i s a n g a n i 22/04/1997
54	P a d i r i H a b a k u r a m a I s a i e	R w a n d a / H u t u	P a r o i s s e C y a h i n d a (B u t a r e)	11/5/1997
55	P a d i r i Y i r i r w a h a n d i P a s c a l	R w a n d a / H u t u	P a r o i s s e C y a h i n d a (B u t a r e)	11/5/1997
56	P a d i r i I g n a c e M u b a s h a n k w a y a	R w a n d a / H u t u	p a r o i s s e d e M u s h a k a (C y a n g u g u)	1/8/1997
57	6 sœurs de la Résurrection du Christ Busasama	R w a n d a / H u t u	sœurs de la Résurrection du C h r i s t f u r e n t a s s a s s i n é e s à B u s a s a m a n a	8/1/1998
58	P a d i r i V i j e k o C u r i c	C r o a t i a	c u r é d e l a p a r o i s s e d e K i v u m u , d i o c è s e d e K a b g a y i	31/01/1998
59	M g r A n d r é S i b o m a n a	R w a n d a / H u t u	d i o c è s e d e K a b g a y i e t R e d a c t e u r e n C h e f K i n y a m a t e k a	9/3/1998 r e f u s d e s s o i n s
60	P a d i r i B o n i f a c e K a g a b o	R w a n d a / H u t u	C u r é d e l a p a r o i s s e R u h e n g e r i	28/04/1998
61	P a d i r i I s a i d r o U z c u d u n P o u s o	E s p a g n e	P a r o i s s e M u g i n a	10/6/2000
62	P a d i r i J o s é R a m o n A m u n a r r i z	E s p a g n e	G i h a r a	13/05/2002

INCAMAKE Kuri uru rutonde harimo abihayimana bo mu rwego rwa ba **Musenyeri 8:** Ni ukuvuga ba Musenyeri ba Diyosezii 5 n'ibisonga bya Musenyeri (vicaire général /vicaire épiscopal): 3

Abapadiri ni 40 wongeyeho abandi bapadiri benshi tutabashishe kumenya biciwe muri zone yari yarafashwe na FRP (Byumba na Ruhengeri). Bivugwa ko abapadiri barenga 1/2 cy'abapadiri bose bari muri iyo zone mu 1990 bishwe n'Inkotanyi

Abandi: abafurere, ababikira abo dufite kuri uru rutonde ni 20 barenga ariko birazwi ko abenshi amazina yabo ataramenyekana neza kubera ko FPR iri ku butegetsi itatuma haba ipererezza nyaryo ryo kumenya abishwe bose

Abanyamahanga: Espagne: 9, Canada : 2, France: 1, RDC: 4 muri Kivu gusa hagati 1996-1997 tutabariyemo abo FPR itafanyije AFDL ya Kabilia bishe mu zindi ntara za Kongo

UMWANZURO: Mu mugambi kirimbuzi wayo wo gutsembe Abahutu, FPR ntayarebeye izuba Abihayimana, yabirayemo, irabakindagura karahava. Murabyibonera hejuru mu rutonde tubagejejeho ko umugambi wa FPR ari uwo guca umutwe Kilizya Gatulika yibasira cyane cyane abihayimana b'Abahutu. Impyisi ngo ikurira inanya ikakurusha uburakari ubu FPR ishishikajwe no gusaba Kilizya Gatorika ngo gusaba imbabazi ko yagize uruhare muri Genocide ni akumiro pe! Ibi byose byakorewe Abihayimana bangana gutya Kilizya y'si yose Kilizya yo mu Rwanda ndetse niyo muri Congo bose bararuciye bararumira baryumaho. Umuryango w'Abibumbye nawo waricecekeye imbere y'ibi byaha byose. **Umuti ni uwuhe? Nta wundi kerek a gukura ku butegetsi FPR-Inkotanyi ikaburanishwa nyuma.**

Mwihangane mwese mwabuze abanyu.

Jean-Marie V Minani

ISANGANO-ARRDC



AHO ISHYAKA ISANGANO RIHAGAZE HE KU BYEREKEYE UBWISANZURE N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU MURI RUSANGE N'UBW'ABANYANYARWANDA BY'UMWIHARIKO

Twebwe Abenegihugu b'u Rwanda twibumbiye mu Ishyaka ISANGANO-ARRDC-Abenegihugu dutangarije Abanyarwanda n'Isi yose kumenya ko:

- 1.U Rwanda ari urw'abenegihugu bose, Abahutu, Abatutsi, Abatwa n'abahawe ubwenegihugu. Nta Rwanda rw'ubwoko bumwe ruzigera rubaho
- 2.Nta vangura rigomba kubaho aho ryaba rishingiye ari ho hose ku moko, uturere, igitsina, amadini, aho abantu bahungutse baturuka n'ibindi abantu bashobora kwitwaza. Abanyarwanda bose bararesha imbere y'amategeko.
- 3.Ubutegetsi bwose ni ubw'abenegihugu, nibo bukorera kandi butangwa nabo binyuze mu matora asesuye kandi anyuze mu mucyo muri Demokarasi.
- 4.Amahano yose, Jenoside yakorewe Abahutu na Jenoside yakorewe Abatutsi, ibyaha ndengakamere byo mu rwego mpuzamahanga n'intambara byahitanye Abanyarwanda mu moko yose bibonamo ndetse n'Abanyamahanga mu Rwanda no mu Karere rurimo byatewe n'ubutegetsi bubu bw'udutsiko twambuye Abenegihugu ubutegetsi bwabo n'uburenganzira bwabo bw'ibanze, ibyo ntibizongera kubaho ukundi,
- 5.Ni ngombwa kumva akababaro k'Abahutu n'akababaro k'Abatutsi n'Abatwa mu mahano yose yabereye mu Rwanda no mu Karere ruherereyemo bityo hakaba hakenewe kuvugisha UKURI no kunga abanyarwanda hagati yabo no kubunga n'abaturanyi bo mubihugu byo mu Karere,
- 6.Akarengane kose kagirirwa cyane cyane Rubanda rugufi, ubuhake mu buryo bwose, agasuzuguro, amacakubiri, iterabwoba, ikinyoma, ikumira n'iheza ry'igice kinini cy'abenegihugu byazanwe n'Agatsiko katsikamiye Abenegihugu bigomba gucika burundi,
- 7.u Rwanda rwacu ruzagera kw'ishya n'ihirwe n'ubwisanzure n'amahoro arambye, igihe abenegihugu barwo bose bafite ubwisanzure mu gihu cyabo, bakagira n'amahirwe angana yo kwinjira mu nzego z'ubuyobozi bwa gisirikare na gisivire, bose bakagerwaho n'ibiza by'igihugu kandi bose bakarengera n'amategeko y'igihugu mu buryo bungana,
- 8.Ubutegetsi bwa Demokarasi isesuye ishingiye ku byifuzo n'ibibazo by' Abenegihugu niyo yaha ikizere abanyarwanda bose.

Jean-Marie V Minani, Prezida Fondateri w'ISANGANO (sé)

Ikinyamakuru Intabaza-Gacanzigo gifite intego ebyiri:

1. gutabariza abanyarwanda kw'isi hose no
2. guca inzigo mu bana b'u Rwanda.

Inkuru zazu zizibanda kuvuga ukuri ku biba ku banyarwanda muri iki gihe no mu gihe cyashize hagamijwe kubaka umuco wa Demokarasi, ubworoherane n'amahoro mu Banyarwanda no mu bihugu byo mu Karere

Ikinyamakuru Intabaza-Gacanzigo kizajya gitangaza inkuru mu ndimi zitandukanye cyane cyane Ikinyarwanda, Igifaransa, Icyongereza, Ikidage, Ighorandi, Igisipanyore, Igiswayire n'izindi

Ikinyamakuru Intabaza-Gacanzigo ntawe kizima ijambo arisesabye kandi ntawe kizahatira kurifata atarishaka.

Nimukigane ni icyanyu.

Inama y'Ubwanditsi

- Jean-Marie V. Minani, Umuhuzabikorwa Mukuru
- Madame Spéciose Mujawayezu, umuyobozi wa Publication
- Jean Paul Habimana, Uwanditsi
- Madame Epiphanie Rugambage, Umubitsi

Addresses zazu ni
Friederikenstr.9, 49809 Lingen
Germany

Phone: 004915216127584
E-mail: isangano.arrdc@gmail.com